→ DG 86

**INYANDIKO - MVUGO Y'INAMA YO KUWA 14 GASHYANTARE 1985**
**Y'ABAGIZE INTEKO ISHINZWE GUTUNGANYA UMWAKA W'URUBYIRUKO**
**MULI PREFEGITURA GITARAMA HAMWE N'INTUMWA ZO MULI MINISTERI**
**Y'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE.**

Inama yatangiye isaa tatu, iyobowe na Bwana Prefe wa Prefegitura GITARAMA Militant KABERA James, afata ijambo ashimira abashyitsi boherejwe na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, kumuhagararira muli iyo nama. Izo ntumwa zali ziyobowe na Militant MUNYAMBARAGA Narcisse, Diregiteri Generali w'Urubyiruko
Militant Emmanuel, chef de Division w'imikino
Militant BIKINDI Siméon, chef de Division ushinzwe Folklore. Yungamo ashimira n'abagize inteko ishinzwe gutunganya umwaka w'urubyiruko, umurava bagize, bitabira iyo nama, anamenyesha abali aho bose, impamvu zatumye bamwe batashoboye kuboneka. Prefe yakomeje ijambo, atanga umwirondoro wa buli wese w'abagize iyo nteko.

Dore Listi y'abali muli iyo nama :

1. - Militant KABERA James Prefe wa Prefegitura GITARAMA
2. - Militant GATSINZI J.Baptiste S/Prefet des Affaires socio-culturelles
3. - Militant KALISA Alphonse Encadreur Préfectoral w'Urubyiruko na za Koperative
4. - Militant NTIRUSHWA J.Bosco Véterinaire wa Prefegitura GITARAMA
5. - Militante ILILIKUMUTIMA Lucie Directrice wa C.S.D. muli Prefegitura GITARAMA
6. - Militant BAZAMBANZA Eliezel, Agronome Forestier wali uhagaraliye agronome wa Prefegitura.
7. - MPABONYE Pamphile, Inspecteur d'arrondissement Adjoint, wali uhagaraliye Inspecteur d'Arrondissement
8. - KANYANDEKWE Emille, Encadreur S/Préfectoral muli S/Préfecture KIYUMBA
9. - BAKINIYE Ildéphonse, Encadreur Préfectoral Adjoint
10. - MUKAGATARE M.Thérèse, Ushinzwe Secrétariat muli Encadrement Préfectoral
11. - KALIMWABO Fidèle, Encadreur Préfectoral Adjoint.

Prefe yahise avuga muli make aho itegurwa ly'umwaka w'urubyiruko ligeze muli prefegitura GITARAMA, agira ati : muli Prefegitura GITARAMA dufite urubyiruko rugera kuli 133.242, bafite imyaka ili hagati y'10 na 24. Uwo mubare n'uw'amakomini 15 Habuzemo imibare ya za Komini NYAKABANDA na RUTOBWE. Muli Prefegitura hali amashyirahamwe y'urubyiruko 143, yungamo avuga ko kubera ko izo ntumwa za Ministeri zaje kuli uyu munsi wa kane hashobora gusurwa amashyirahamwe 16 akora imilimo yayo kuwa kane. Yungamo abamenyesha ko ayo mashyirahamwe amenshi ali ahinga, kandi akaba akora imilimo y'ubworozi bw'amatungo ubworozi bw'inzuki, ubukolikoli. Muli Prefegitura GITARAMA halimo kandi ibigo bitanu by'urubyiruko alibyo ibi bikulikira : C.F.J. MPANDA, C.F.J. SHYOGWE, C.F.J. KEBERO, C.F.J. MURAMA na C.F.J. MASANGO.

..../....

Yakomeje abamenyesha ko biyandikishije amashyirahamwe 45, CERAI 16, C.F.J. 5 akaba alibyo bizajya mw'irushanwa ly'amashyirahamwe muli Prefegitura yose naho andi mashyirahamwe alimo abantu bakuru. Yakomeje amenyesha abali mu nama bose, aho itegurwa ly'irushanwa ly'imikino gadondo ligeze. Abamenyesha ko ubu irobanura muli segiteri lyarangiye ko ubu komini ifite itorero lizayihagaralira mu Rwego rwa Prefegitura. Imikino ngorora-mubili nayo hakozwe amarushanwa muli za segiteri, ubu hakaba hateganijwe andi marushanwa hagati y'amakomini nk'atatu, kugirango abakinnyi bimenyereze neza. Irushanwa ly'ubwanditsi, yabamenyesheje ko muli Prefegitura GITARAMA, atamenya neza abiyandikishije, kuko biyandikishiliza muli Ministeri.
Abamenyesha ko Irushanwa ly'indilimbo lyo lyarangiye, ko lyabaye kuli 27/01/1985, ko kandi Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yali yohereje uyihagaralira. Irushanwa ly'amagare yabamenyesheje ko ubu bacyitoza,
Muli Prefegitura GITARAMA hali Koperative 16 zifite ubuzima gatozi ; Pré-Coopérative 41, mutualités 21, groupements à vocation coopérative 166. Mu gusoza ijambo lye amenyesha intumwa za Ministeri ingorane zo kubura moyen de déplacement kugirango ayo marushanwa yose azagende neza nkuko biteganijwe. Yungamo ati : N'ubwo Ministeri yadutiza imodoka, hagomba essence yo kuyitwara. Ati : ubusanzwe ingorane ni nyinshi ndetse, inyinshi murazizi, aliko uyu munsi nibanze ku birebana gusa n'itegurwa ly'umwaka w'urubyiruko. Yakomeje amenyesha abali aho bose, ko amanota 70% kugirango ishyirahamwe litsinde, bafatiye hejuru cyane ko bali bakwiye kugabanya, Yifuza yuko n'andi mashyirahamwe atujuje ibyangombwa mw'irushanwa aliko akaba ameze neza, Ministeri yakomeza kuyatera inkunga, ikayafasha ikayarwanaho kugirango nayo azamuke.
Hakulikiyeho ijambo lya Bwana Diregiteri Generali w'Urubyiruko Militant MUNYAMBARAGA Narcisse, atangira ashimira Bwana Prefe, uburyo yabakiliye, anashimira ibimaze kugerwaho muli Prefegitura GITARAMA mw'itegurwa ly'umwaka w'urubyiruko. Yakomeje agira ati : Urugendo rwacu si urwa mbere si n'urwa nyuma. Bwana Ministri yaje gusura Prefegitura GITARAMA umwaka ushize, urwo rugendo rwateguraga umwaka w'urubyiruko. Muli iyo nama Ministri yali yayoboye ubwe, habayemo ibyifuzo byinshi kandi byiza kugirango urubyiruko rutere imbere. Nyakubahwa Prezida wa Repebulika nawe, muli Discour yo kuli 31/12/1984 yifuliza abaturarwanda bose umwaka muhire 1985, yatwibukije ko umwaka 1985 ali umwaka w'urubyiruko kw'isi hose, akomeza avuga ati "twite ku rubyiruko, twite ku butaka bwacu, buduhe ibilibwa biduhagije. Urubyiruko rwacu ni rwinshi, narwo turutegulire icyizarutunga, maze abana bacu bazatwite ababyeyi beza".

Diregiteri Generali yakomeje atubwira ko uyu mwaka w'Urubyiruko ku isi hose, ugomba kuduha kureba ibyagezweho, n'intambwe igomba guterwa n'urubyiruko. Twavuga nko kurutoza imilimo y'amaboko, kurufasha kurwanya ubujiji n'ubwomanzi no kurufasha kongera umusaruro n'ibindi byinshi.
Ministeri y'urubyiruko no Gutsura za Koperative, ikaba ishaka gushyira iyo ntego mu bikorwa ku bulyo bukulikira, ikaba ndetse yaranatangiye.

..../....

1. Kuzamura umutungo w'urubyiruko ali mu buhinzi, ubworozi n'ubukolikoli kugirango rushobore kwitunga no kuzamura igihugu.

2. Gufasha urubyiruko kubaho neza no kujijuka biga gusoma no kwandika. Aha Diregiteli Generali yamenyesheje Prefe n'abali mu nama inkuru nziza, ko hali ibikoresho by'alphabétisation batashoboye kuzana, aliko ko bizaza mu minsi idatinze. Akaba rero ali ukunga Ministeri iteje abitangiye uwo mulimo, Prefe akazabikwizakwiza hose mu makomini usibye mu bigo byigenga.

3. Amarushanwa y'ubwanditsi : kugirango urubyiruko rumenye ibibazo birureba, kandi bishobotse bikandikwa n'urubyiruko ubwarwo. Diregiteli Generali yatumenyesheje ko izo nyandiko zimaze kuba nyinshi muli Ministeri bakaba bazaduha raporo yabyo nkuko dusanzwe dukorana.

4. Amarushanwa y'indilimbo kuko indilimbo zili muli bimwe byatuma abantu bakangukira ibibazo by'urubyiruko. Yakomeje yishimira ko ino iryo rushanwa ryarangiye ku rwego rw'igihugu amarushanwa y'indilimbo azaba kuwa 23 - 24 - 25/02/1985. Ubu Ministeri ikaba itegura ukuntu izafasha abazajya mu irushanwa mu ngendo no kubaho i KIGALI. Izo ndilimbo zizaba zibimbuliye ibindi zidufashe muli (sensibilisation) .

5. Amarushanwa ya sport : ayo marushanwa nayo azatangira vuba. Muli KANAMA kandi niho hazaba umunsi mukuru w'Urubyiruko, abazaba baratoranijwe muli ayo marushanwa bakazaseruka uwo munsi.

6. Amarushanwa y'imikino Gakondo : Diregiteli Generali yakomeje atubwira ko imikino-gakondo itangiye kwibagirana kandi tutagomba kwiyibagiza umuco w' igihugu, werekana uko abantu babana, bidagadura, ndetse ukerekana n'uburere n'ubufatanye buli hagati y'ababyeyi n'abana. Niyo mpamvu rero hazaza ayo marushanwa y'imikino-gakondo bikaba kandi bishimishije ko muli GITARAMA batangiye kubyitoza no kujonjora bahereye muli segiteri.

7. Ministeri kandi yasabye BUNEP kuyifasha kwiga uko hakorwa encadrement nyayo, no kudufasha kwiga neza ibibazo by'urubyiruko kugirango tumenye ibyo tugomba kurukorera. Yakomeje avuga ko kugirango uyu mwaka uzashire tumenye uko tugomba gukosora ibitameze neza, hali intumwa za Ministeri zizaza mu marushanwa y'amashyirahamwe kugirango tujyane kuyasura. Aliko kugirango ibyo bishoboke, Diregiteri Generali yasabye ko hajya hakorwa programu bakayimenyeshwa hakili kare kugirango nabo bashobore gukora iyabo. Yakomeje asobanura impamvu ali byiza kwigerera ku mirenge, amaso nayo akirebera kuko hali ba Encadreri babeshya cyane. Abali mu nama bahise biga ikibazo cy'ingorane z'imododa zizajya zibajyana ku mirenge. Diregiteli Generali yavuze ko Leta yabemereye amafranga make kuyo bali batse, akaba rero aliyo mpamvu Prefegitura yareba ukuntu yashaka imodoka noneho Ministeri igatanga essence gusa, n' imodoka imwe izaba yazanye intumwa ya Ministeri muli Programu y'iryo sura. Yabwiye kandi abali aho ko hatazasurwa gusa amashyirahamwe ahubwo ko bazasura na za C.F.J., na CERAI kuko zita ku RUBYIRUKO.

Yashoje ijambo lye ashima Komite yo muli GITARAMA yatoranijwe kubera uyu mwaka w'urubyiruko kuko igizwe cyane cyane na ba techniciens basanzwe badufasha kandi bahura n'ibibazo by'urubyiruko. Yanamenyesheje abali mu nama ko izi ngendo bazihutisha cyane kugirango mu mpera z'uku kwezi kwa kabili hazakorwe inama ihuza ba Encadreri ba Prefegitura n'aba S/Prefegitura, ba Diregiteri b'Ibigo by' Urubyiruko, n'abayobozi b'imiryango y'urubyiruko.
Mu gusoza ijambo rye kandi yasabye ko hakwiye gushyirwaho abakangura-mbaga b'urubyiruko bunganira ba Encadreri b'Urubyiruko muli Komini. Kuko urubyiruko ali rwinshi (1/3 cy'abaturage bose), rukaba rero rugomba kumenya kwitunga ubwarwo Yasabye rero ko aho abo bakangurambaga batali bakwiye kujyaho vuba, kugirango uyu mwaka uzarangire buli segiteri ifite organisation yayo, maze urubyiruko ruzashobora kujijukirwa n'amahame ya J.M.R.N.D. (Urugaga rw'urubyiruko).

....../....

Yakomeje atumenyesha ko bafite programu yo kwandika agatabo korohejo gakubiyemo ibibazo by'urubyiruko n'abarushinzwe. Bwana Diregiteli Generali yabonye n'umwanya wo gusaba Prefe akomeje kuzabwira ba Burgumestri ko batagomba kwirukana ba Encadreri kandi muli uyu mwaka tubakeneye cyane, ahubwo ko bagomba kubakaza bagakora, unaniranye akaba yasimbuzwa undi, aliko batamwirukanye ngo barekere iyo.

Arangiza ijambo rye yijeje abali mu nama ko bazakomeza gufatanya mu nzego zose nk'uko bisanzwe, asaba bagenzi be bavanye i KIGALI gusobanura ibyabo buli wese mucyo ashinzwe, kuko kuli Programu yali yateganijwe hali ibyahindutse.
Hakulikiyeho ijambo rya Militant TWAGIRAYEZU Emmanuel chef de Division wa sports.
Militant TWAGIRAYEZU yatangiye ijambo rye atubwira ko ibyo asobanura atali byinshi kuko yibanda ku byahindutse gusa n'ibyiyongeyeho.
Ibyahindutse : Course populaire yavuyeho kuko basanze yarushya kubera ibibazo byinshi . Ibyiza rero izakorwa ubutaha yarateguwe neza.
Icyiyongeyeho : Imikino y'intoki : - volley Ball, Basket Ball, Hand Ball, ibili ya mbere ikazakinwa n'igitsina gore naho Hand Ball izashobora gukinwa n'abagabo. Iyo mikino ikazatangilira mu rwego rwa Prefegitura kuko igihe ali gito. Ku rwego rw'Igihugu amataliki iyo mikino izaberaho azamenyeshwa mu minsi ili imbere.

Course y'amagare : Prefegitura igomba kugira ikipi y'abantu 10, halimo 3 b'igitsina gore. Yarangije ijambo rye amenyesha Prefe ko hali ibikoresho bya Sports bazanye byo kunganira ibisanzwe. Ibyo bikoresho bikaba bilimo ibice 2 ibigomba guhama kuli Prefegitura bikaba iby'ikipe isohotse ya Prefegitura n'ibindi bigomba gutangwa muli Komini bigizwe ahanini n'imipira y'intoki yo gukina. Halimo kandi n'ibindi bikoresho by'athlétisme kuli Prefegitura bikajya bitizwa mu makomini.
Hakulikiyeho ijambo rya BIKINDI Simon, chef de Division wa Folklore nawe asobanura ibyahindutse kuli Programu y'imikino Gakondo. Bwana BIKINDI yishimiye ko muli Prefegitura GITARAMA itegurwa ry'amarushanwa y'imikino gakondo liteye intambwe , anibutsa ko itorero ligomba kugira imitwe : intore, ababyinnyi, abakaraza, abacuranzi, naho abakize cyane bakaba bagira n'abahigi, ikondera n'insengo. Twifuza kandi ko iyo mikino yakinwa n'abato. Yamenyesheje ko havutse ikibazo cy'amarushanwa y'animation yateguwe na M.R.N.D. akaba azatangira le 15/04/1985, none Ministeri ikaba yarasanze ayo marushanwa yabera limwe nayo y'imikino gakondo kugirango byoye kuvuna abayategura n'abayakora, kandi twubahilize intego y'umukanda kuko komini yatanga amafranga make. Icyakora kugirango bishoboke amarushanwa y'imikino gakondo yahindura amataliki yali yarateganijwe bikigira imbere aho kuba muli GICURASI bikigira muli werurwe. Akomeza avuga ko aliko icyo ali igitekerezo, abali mu nama bagomba kurebera hamwe icyaba cyiza kurusha ikindi.
Abo bashyitsi bahetuye, Prefe yarongeye afata ijambo, abashimira ibyo bamaze kugeza ku bali mu nama, anabashimira cyane ibikoresho bya Sports bazanye n'ibindi bizaza byerekeye gusoma no kwandika. Yakomeje ijambo rye, abasobanulira ko kuli Prefegitura GITARAMA nta modoka zihali, n'izihali zrashaje. Kugirango rero iyo ngorane iveho cyeretse MIJEUCOOP ihaye essence imodoka y'Agripref n'iya Véterpref kuko zo zihali, hanyuma ikajya izana n'imodoka nini kugirango itware abasagutse bose.

..../....

Diregiteli Generali yafashe ijambo, asobanura ko na Ministeri nta modoka ifite ko hali Nissan Patrol zo gukora mu gihugu cyose. Atumenyesha ko muguteganya abazajya muli izo ngendo bagomba ahubwo kongeraho n'umukozi umwe wa ORINFOR kuko dushaka kuzakora Film yerekana n' ibizaba byarasuwe byose. Avuga rero ko kuli ibyiza ali ugukora kare gahunda y'izo ngendo kugirango imodoka ishobore kuba yateganwa. Yakomeje avuga ko hali n'igitekerezo bali baragize cyo guteganya Subdélegation z'ingendo, aliko bikaba bitaratungana neza kandi amafranga yenewe akaba ali make. Prefe yakomerejeho, avuga n'indi ngorane abona yo gushyira hamwe amarushanwa y'animation n'amaruhanwa y'imikino gakondo. Biraruhije cyane, kandi byonyine igihe ni gito. Ntabwo rero ali ibyo kwihereranwa bigomba kubanza kugezwa kuli ba Burgumestri na ba Encadreri b'Urubyiruko kugirango barebe niba babishobora. Militant BIKINDI yagejeje ku bali mu nama igitekerezo cyo guhera kuli Komini za hafi mu gihe cy'ayo marushanwa, bityo bigatangira nka saa mbili.

Prefe nawe yafashe ijambo asobanura ukuntu nabyo biruhije, kuko hali umuturage uturuka muli segiteli ya kure cyane, nubwo Komine ubwayo iba ili hafi ya Prefegitura. Umwe mu bali mu nama yafashe ijambo, atanga igitekerezo cyo gukorera ayo marushanwa umunsi umwe aliko ahantu hanyuranye. Abandi bali mu nama basanze bitashoboka kuko umukinnyi ashobora kuba muli groupe ebyili, byongeye kandi ba **animateurs** babili kubabona byarushya. Encadreri Préfectoral KALISA Alphonse nawe yafashe ijambo yerekana ukuntu ayo marushanwa kuyakorera umunsi umwe igihe cyaba gito cyane, niyo, buli groupe bayiteganyiliza iminota 15-20 Prefe yongeraho ko n'imodoka zo gutwara abo bantu bose umunsi umwe zarushya cyane, akaba aliyo mpamvu icyo kibazo kigomba kugezwa kuli ba Burgumestri.

Nyuma abali mu nama basanze ibyiza ali ukudafatanya aliya marushanwa. Diregiteli Generali noneho yabajije Prefe, amataliki yabizezaho ko bizaba byararangiye, kuko MIJEUCOOP yifuza ko birangira mu mpera za MATA kuko muli GICURASI hali programu nyinshi. Prefe yamwemereye ko bazabiteganya hagati y' italiki ya 17/04/1985 n'iya 01/05/1985 ndetse hateganwa amataliki ya 22 - 23 cyangwa 30, MIJEUCOOP ikazatumenyesha kare italiki yemejwe. Ku kibazo cy' abakangura-mbaga bo kunganira abashinzwe urubyiruko, Prefet yamenyesheje abali mu nama, ko nawe yigeze kubisaba aliko akaba atazi neza niba hose bahali, usibye ko duherutse kubivuga mu nama ko bagomba gushyirwaho vuba, ku buryo muli buli segiteri habonekamo babili, umukobwa n'umuhungu. Encadreri Prefectoral nawe yasobanuye ko aherutse kohereza ayo mabwiliza muli Komini.

Encadreri wa Prefegitura w'Urubyiruko na za Koperative, yabajije niba ibihembo bizatangwa uwo munsi w'amarushanwa. Diregiteli Generali amusubiza amubwira ko muli MIJEUCOOP hali commission yiga icyo kibazo. Icyakora ibikombe byo birahali, habuze gusa amafranga kandi nayo twasabye Ministeri y'imali kuyateganya kare kugirango nayo azaboneke.

..../....

Ku kibazo cya za Komini zagabanyije abakozi urebye ziganye MIJEUCOOP uko yagize kuli Prefegitura kugirango habe umukozi umwe uhagaraliye Ministeri, aliko akagira undi umufasha. Muli Komini basanze rwose ubwo buryo alibwo bwisa kuko n'ubundi ibyo bakora bisa usibye ko bagenda bahindura amagambo yo kubyita urugero : Koperative kuli encadreri wa za Koperative, association kuli encadreri w'Urubyiruko. Abakozi rero birukannwa haba hali izindi mpamvu zibitera nko kudakora cyangwa kuba batujuje ibya ngombwa bisabwa na Ministreri y'ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, kandi ab'ino abenshi bagiyeho huti huti ku buryo batujuje ibyo byangombwa. Diregiteli Generali yakomeje asaba ko Komini ikwiye gukulikiza ubushobozi bwayo n'akazi gahali aliko bakilinda rwose gupfa guhagarika encadreri kandi n'uvuyeho agasimbuzwa undi.

Diregiteli Generali yanabajije Prefe niba ibaruwa ya Ministre w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative isaba kumumenyesha umubare w'amazu ashobora kuboneka yo kwidagaduliramo (lieux de loisirs) muli Prefegitura GITARAMA. Prefe yamushubije ko uvanyemo amazu yo mu bigo by'abihaye imana hali :

- Centre culturel i GITARAMA ikodeshwa iyo yabereyemo ibitaramo, film, n'ibindi
- Hali indi igiye kuzura muli Komine MUSHUBATI
- Hali indi nzu igaragara muli Komini MURAMA, no muli TABA batangiye kubaka.

Prefe yavuze kandi ingorane yo kubona amakipi y'igitsina gore ati keretse hali dushyizemo n'abanyeshuli. Chef de division wa Sport yamushubije ko icyo kibazo ali icya hose, aliko ko bagomba kureka abanyeshulikazi bakibanda mu cyaro, niyo byaba gutangira aliko uyu mwaka ukazasiga dufite aho duhera.

Aha havutse ikibazo cy'ibikoresho nkenerwa by'ibanze. Bati dore nk'ubu mutuzaniye imipira, aliko nta filet n'ibindi. Chef de division sport, nawe ati, ntidukwiliye gukabiliza ibintu, muli Komine bakwiliye kwirwanaho, nko mu guharura ibibuga, no kugura ibindi byangombwa, keretse nk'ibikoresho biruhije kubona nka anneaux muli basket ball na filet muli volley ball. Aha Ministeri yareba ukuntu yabunganira. Militant BIKINDI nawe yungamo ati ntibahabwa ibintu byose, ahubwo muli Komini bakwiye kuzasigara urwibutso rw'uyu mwaka w'Urubyiruko, bakaba bakwiharulira nk' ibibuga, ibindi bikoresho batabonye bakajya babitira.

Prefe yashoje inama ashimira cyane Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ukuntu adahwema kudutera inkunga, ali mu kudusura no kuduha ibikoresho bidufasha. Tukaba kandi namwe twishimiye ukuntu mwihanganye tukarebera hamwe birambuye aho tugejeje ibikorwa by'umwaka w'urubyiruko ku isi hose. Yakomeje ashima inama nk'izi kuko abantu bahavugiye ukuli, maze ingorane zikabonerwa umuti. Abizeza ko muli Prefegitura GITARAMA, n'ubwo hali izo ngorane tuzakora uko dushoboye tukubahiliza intego z'uyu mwaka.

.../...

Diregiteli Generali MUNYAMBARAGA nawe yafashe ijambo ati : mw'izina rya bagenzi banjye turabashimiye. Twishimiye umurava wagaragaye muli iyi nama, ikaba yagenze neza. Byonyine kubona Prefe ubwe yigomwa imilimo afite akaza kuyiyobora birerekana umurava afite wo gushyigikira urubyiruko, n'abandi barushinzwe bikaba byabatera inkunga. Dutashye rero twishimiye ibyagezweho.

Inama yarangiye saa saba n'iminota 25 aliko hakulikiraho isurwa ry' amashyirahamwe muli Komini MUKINGI.

UMUYOBOZI W'INAMA

Prefe wa Prefegitura

KABERA JAMES.-

UMWANDITSI W'INAMA

KALIMWABO Fidèle.-